



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA MATA 2017

10 Gicurasi 2017

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MATA 2017

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mata 2017. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 7,3% mu kwezi gushize kwa Mata 2017 ugereranyije na Mata 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatatu (Werurwe 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 7,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 7,3% mu kwezi kwa Mata ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 15,8%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa 2,2% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 6,1%.

Iyo ugereranyije Mata 2017 na Mata 2016, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 4,8%.

Wagereranya ukwezi kwa kane (Mata 2017) n'ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2017) ibiciro byazamutseho 0,4%. Iri zamuka rikaba ryaratewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,5% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 0,3%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Mata 2017 ibiciro mu byaro byiyongereyeho 15,9% ugereranyije na Mata 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa gatatu (Werurwe 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 15,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 15,9% mu kwezi kwa Mata ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 25,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byazamutseho 52,0%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa kane (Mata 2017) n'ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2017) ibiciro byazamutseho 0,7%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,9%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Mata 2017 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 12,9% ugereranyije na Mata 2016. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatatu (Werurwe 2017) byiyongereyeho 13,0%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 12,9% mu kwezi kwa Mata 2017 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 23,4%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 4,3% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byazamutseho 23,6%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa kane (Mata 2017) n'ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2017) ibiciro byazamutseho 0,6%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,8%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mata 2016 kugeza muri Mata 2017.

	Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mata 2016 kugeza muri Mata 2017													
	ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije													
	2016	2017												
	04	05	06	07	08	09	10	11	12	01	02	03	04	
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	4,7	4,6	5,5	6,9	6,4	5,8	7,4	6,4	7,3	7,4	8,1	7,7	7,3	
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	4,3	4,3	6,7	8,3	8,1	8,3	10,0	10,6	13,0	14,5	16,2	15,7	15,9	
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	4,4	4,4	6,3	7,8	7,5	7,4	9,1	9,1	11,0	12,0	13,4	13,0	12,9	
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	0,8	0,5	0,9	1,1	0,5	0,5	1,4	0,1	0,3	-0,4	1,1	0,6	0,4	
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	0,6	-0,2	1,1	1,4	1,9	2,3	4,0	0,7	-0,5	-0,3	2,3	1,5	0,7	
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	0,7	0,0	1,0	1,3	1,4	1,7	3,1	0,5	-0,2	-0,3	1,9	1,2	0,6	

Isoko: Ikigo cy' Igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda

Ku bindi bisobanuro:

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),

P.O. BOX 6139 Kigali,

Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Directors:

MURANGWA Yusuf, Director General, NISR; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MURENZI Ivan, Deputy Director General; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

SIBOMANA Oscar, Ag. Director of Economic Statistics Department, NISR;

oscar.sibomana@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR;

lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw